




PreK 4 ME Uguhuza imiryango

IGICE CYA 4: ISI Y'AMABARA

Ishusho rusange y'Igice cya 4: Isi y'Amabara


Muri iri somo turatangira turebera hamwe amabara ari mu isi. Tuziga icyo amabara amaze mu isi no mu bidukikije. Abana bazakora imyitozo yo kuvangavanga amabara harimo gushushanyisha amabara cyangwa kuyasiga ku tuntu dusanzweho, ubwo ni nako tuzaba tubona inyunguramagambo nshya. Hari n'igice kiriho aho abana bagomba kwanika no kumutsa ibyo bameshe. Ni umwitozo wo gushimangira neza imibare twifashishije imikino yo kubara ujya imbere cyangwa usubira inyuma, guhuza ibintu no kubishyira ku murongo, gusimburana no guhererekanya ibintu icyarimwe.

IGICE CYA 4 IBITABO BIHARI (MU CYONGEREZA)




Max's Dragon Shirt

Cyanditswe na : Rosemary Wells



Dog's Colorful Day

Cyanditswe na : Emma Dodd




The Color of Us

Cyanditswe na : Karen Katz

The Lion and the Little Red Bird

Cyanditswe na Elisa Kleven



Images downloaded from amazon.com

Ibindi bitabo tuzasoma muri uku kwezi

Is It red? Is It Yellow? Is It Blue? Cyanditswe na Tana Hoban
Perfect Square Cyanditswe na Michael Hall

Sugaring Cyanditswe na Jesse Haas

Backyard Birds
Cyanditswe na Robert Bateman

Indirimbo, udukino tw'amagambo n'inyuguti

Abana iyo bari mu ishuri bakunda udukino turimo amajwi agenda yisubiramo! Soma ibi bintu uri kumwe n'umwana noneho umusabe akwigishe uko ibivugwa bikorwa mu gihe abivuze:

HAGARARA

Hagarara, hindukira .

Koma amashyi kugeza kuri kane.; icara.

Ongera ukome amashyi, unama.

Bara n'ikirenge, rekera aho. Pepera, hina amavi yombi.

Ongera wicare, ndeba cyane.



Image from Pixabay

Reba akandi gace :hari indi myitozo bakorerwa mu rugo



Dore indi myitozo yo gufasha abana kwigira mu rugo !

Umwitozo wo gufasha mu bumenyi, uburyo bw'imyigire, ubugeni, udukino dusanzwe two gukoresha umubiri no gukoresha ikiganza

Kuzenguruka ahari amabara

Wifashishije urupapuro rwometse ahantu, fata umwana ase n'uruzenguruka areba amabara. Mwajya hanze, mu isomero, ahandi hantu— ni aho mugenda muzenguruka!

Saba umwana ashushanye, cyangwa yerekane agasanduku karimo ibintu bisa n'ibara ry'ikaramu iyi n'iyi ishushanya.

Muganire ku mabara, ibintu, ndetse n'ibindi bintu byaba biriho bihuye n'ayo mabara!

Umwitozo wo gufasha mu bumenyi, ubuzima, imyitozo yo gukoresha ikiganza, uburyo bw'imyigire

Kurya umukororombyi

Ni uburyo buryohera abana bwo kuganira ku mabara mu gihe cyo kurya! Zana utuntu two kurya tworoshye mu rugo. Cyangwa mujyane mu iduka aho mwabona ibintu bishyashya. Hitamo ibyo kurya 3 cyangwa 4 ariko bifite amabara atandukanye noneho umusabe mutegurire ibyo kurya hamwe. Amabara atandukanye y'insenda, pome, akagati, forumage— akenshi biba

Umwitozo wo gufasha mu mibare, mu mibereho isanzwe no mu marangamutima, uburyo bw'imyigire, ururimi imibanire

Umunsi wo kumesa

Uyu ni umunsi wo kumesa! Saba umwana wawe agufashe kuvangura imyenda bitewe n'amabara ifite. Ushobora kumusaba kuyivangura mu buryo butandukanye. Muri bwo twavuga:

- ◇ Iyijimye kandi itagoye kumesa
- ◇ Umukara, umweru, umutuku
- ◇ Gufatanya amasogisi

Muganirize ku mabara, ahagaragara ibara iri n'iri ku mwenda, umwereke ubwoko bw'igitambaro ikozemo.



Image from Pixabay

Ijambo rigenewe ababyeyi n'imiryango: Kutajarajara ni ingenzi

Abana batera imbere iyo nta jarajara rihari: bigomba kwinjizwa muri gahunda zabo za buri munsi, muri disipulini bahawe, ndetse no mu guhitamo ibyo kurya!!

Uko ugenda udahindagura gahunda mu byo ukora, ibintu bigenda biba akamenyero, ari nako abana bishima kurushaho. Iyo bazi ikigomba kuba, bicara mumva bari mu mahoro batekanye. Mu gihe ugize icyo uhindura mu byari bisanzweho, ugomba kubibateguza mbere y'igihe bakicara babyiteguye.

Ibi biranarebana n'uko bagomba kwitwara n'ibya disipulini. Abana bagomba gusobanukirwa neza n'ibyo bemerewe n'ibyo batemerewe. Bagomba no kumenya ibigomba kubaho iyo batu-bahirije amategeko.

Kuzenguruka ureba ahari amabara

Sohoka urebe ibintu byose biri hafi aho. Shakisha ibifite :

